ITANGAZO: IVANWAHO RY'IKIGUZI CYA SERIVISI YO KWANDUKUZA INGWATE

Umwanditsi Mukuru muri RDB, ashingiye ku Itegeko N^{O}. 017/2021 ryo ku wa 03/03/2021 ryerekeye kurengera umuguzi wa serivisi y'imari, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30, igika cya 2 aho riteganya ko *"Uwatanze ingwate warangije kwishyura inguzanyo asubizwa ingwate nta kiguzi atanze mu kuyandukuza",* aramenyesha abantu bose barebwa no kwandukuza ingwate ku mpamvu zitandukanye ko iyo serivisi itangirwa ubuntu bityo abandukuza ingwate bakaba batagomba kubanza kwishyura ikiguzi cy'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1,000 Frw) nk'uko byari bisanzwe mbere y'uko Itegeko rivugwa haruguru ritangazwa mu Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 05/03/2021.

Mugire amahoro.

Bikorewe i Kigali ku wa 19/05/2021

Digitally signed by RDB (Registrar General)
Date: 2021.05.21 09:51:01 +02'00'

Richard KAYIBANDA
Umwanditsi Mukuru